# CRIMES EN PARTICULIER
emprisonnement

**MBONYICUTI, arrêt de la Cour d'Appel de RUHENGERI du 25 août 1999**

Cour d'Appel de Ruhengeri
Ministère Public c/ Mbonyinshuti Marc et csrts
25 août 1999

URUKIKO RW'UBUJULIRE RWA RUHENGERI
25 Kanama 1999.
UBUSHINJA-CYAHA na Mbonyinshuti Marc et csrts

R.P.A 51/R1/GC/RUH R.P.CH.SP.013/01/97
R.M.P.A.3/132/KT RMP 51484/S4/GM.KBY/97

URUKIKO RW'UBUJULIRE RWA RUHENGERI, RURI MU RUHENGERI, RUHABURANISHIRIZA IMANZA Z'ITSEMBABWOKO N'ITSEMBATSEMBA CYANGWA IBYAHA BYIBASIYE 1NYOKO-MUNTU BYAKOZWE KUVA TARIKI YA 01/10/1990 KUGEZA KUWA 31/12/1994, RUHAKIRIJE URU RUBANZA KUWA 25/08/1999.

HABURANA:

1. UREGA : UBUSHINJA-CYAHA BWIHARIYE

2. ABAREGWA :

1. MBONYICUTI Marc, mwene MUSHORANGABO na NYIRANDIKUMWAMI wavutse 1953, i Nyabigugu, Segiteri Gitesi, Komini Gitesi ari naho atuye, washakanye na UMAZEKABIRI, umubyeyi w'abana batandatu (6), umuhinzi, ntiyafunzwe bizwi, afunzwe by'agateganyo .

2. GATERA Michel, mwene NIKUZE na MUKANDEKEZI wavutse 1960 muli Selire Nyabigugu, Segiteri Gitesi, Komini Gitesi ari naho atuye, washakanye na MUKANTAMBARA, umubyeyi w'abana batanu, umuhinzi, ntiyafunzwe bizwi, afunzwe by'agateganyo.

3. ABAREGERA INDISHYI :

1.NYIRABAGWIZA Immaculée, warusimbutse kandi wiciwe bene nyina 2.
2. MUNYABARAME Jérôme, wangirijwe babyara be 3.

BASHINJWA KO :

1 Kuba bari muri Segiteri Gitesi, ahitwa ku Kabahereza, muri. Komini Gitesi, Perefegitura ya Kibuye, muri Repubulika y'u RWANDA. ku itariki itazwi neza, mu kwezi kwa Mata 1994 ari gatozi, bafatanije cyangwa bamwe ari ibyitso by'abandi, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 89, 90 na 91 C. P. L. I. barahotoye MUKESHIMANA na MUKAKARERA Alphonsine, babaziza ubwoko, icyo cyaha akaba ari icyaha cy'itsembabwoko, giteganywa n'ingingo ya 2 y'amasezerano Mpuzamahanga yo kuwa 09/12/1948 yemewe n'itegeko-teka n°08/75 ryo kuwa 12/02/175 yerekeye guhana icyaha cya Génocide, n'ingingo ya 1 y'itegeko-ngenga N° 8/96 ryo kuwa 30/08/1996.

2 Kuba bari muri Segiteri Gitesi, ahitwa ku KABAHEREZA, muri Komini GITESI, Perefegitura ya KIBUYE, muri Repubulika y'u RWANDA, ku itariki itazwi, mu kwezi kwa Mata 1994, ari gatozi, bafatanije cyangwa bamwe ari ibyitso by'abandi, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 89, 90 na 91 C.P.L.I. barashatse guhotora NYIRABAGWIZA bamuziza ubwoko, icyaha giteganywa n'ingingo ya 2, 3 agace d, z'amasezerano-mpuzamahanga yo kuwa 9/12/1948 yemewe n'itegeko-teka n° 08/75 ryo kuwa 12/02/1975 yerekeye guhana icyaha cya Génocide, n'ingingo ya 1 y'itegeko-ngenga n° 8/96 ryo kuwa 30/8/1996.

3. Kuba bari aho hantu, mu gihe kimwe no mu buryo bumwe barahotoye MUKESHIMANA na MUKAKARERA, icyaha giteganywa kikanahanishwa n'ingingo ya 312 C.P.L.II.

4 Kuba bari aho hantu, mu gihe kimwe no mu buryo bumwe barashatse guhohotera NYIRABAGWIZA icyaha giteganywa n'ingingo ya 21, 22, 24 C.P.L.I, n'ingingo ya 312 C.P.L.II: . kigahanishwa.n'ingingo ya 24 C.P.L.1 n'ingingo, ya 312 C.P.L.Il.

5. Kuba bari aho hantu, mu gihe kimwe no mu buryo bumwe bararemye umutwe w'abagizi ba nabi, icyaha giteganywa n'ingingo ya 282 na 283 C.P.L.II.

URUKIKO RW'UBUJURIRE

RUMAZE kubona ko uru rubanza rwatangiriye mu Rugereko rwihariye rw'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa KIBUYE, ruri ku KIBUYE, kuwa 24/11/1997, Umushinja-cyaha wa mbere wihariye wa Porokireri wa Repubulika arega bariya bagabo 2 bavuzwe ruguru ibyaha 5 nabyo byavuzwe ruguru bikakirwa kuri R.P.CH.SR.013/01/97, mu gitabo cy'ibirego cyabigenewe, rwaburanishijwe kuwa

15/12/1997 no kuwa 17/12/1997 n'uko rwakiranuwe kuwa 30/12/1997 muri aya magambo :

RWEMEYE kwakira ikirego cyatanzwe n'Ubushinja-cyaha kuko cyakurikije amategeko ;

RWEMEYE kwakira ikirego cy'indishyi kuko nacyo cyaje mu buryo bwemewe n'amategeko.

RWEMEJE ko ibyaha byose MBONYINSHUTI Marc aregwa uko ari bitanu (5) bimuhama nkuko byasobanuwe muri za RUSANZE ;

RWEMEJE ko ibyo byaha yabikoze mu buryo bw'impurirane mboneza-mugambi, bityo bikaba bimushyira mu rwego rwa kabili (2) rw'abicanyi ;

RWEMEJE ko ibyaha GATERA Michel yakoze bigize impurirane y'imboneza-mugambi, bikaba bimushyira mu rwego rwa kabili (2) ariko akaba agomba koroherezwa ibihano nk'uko byasobanuwe muri za RUSANZE ;

RUKIJIJE ko MBONYISHUTI Marc na GATERA Michel batsinzwe ;

RUHANISHIJE MBONYINSHUTI Marc igihano cyo gufungwa burundu ;

RUHANISHIJE GATERA Michel igihano cyo gufungwa imyaka cumi n'itanu(15) ;
RUTEGETSE ko MBONYINSHUTI Marc na GATERA Michel bamburwa uburenganzira bukurikira :

1) ukubuzwa ububasha bwo gutanga amajwi, gutora no gutorwa, mbese mu mvugo irambuye kubuzwa uburenganzira bwose umuntu afite mu gihugu, n'ubwerekeye Politiki n'ubwo kwambara impeta ;

2) ukutemerwa kuba umuhamya mu buhanga n'umugabo mu byemezo, no mu manza, uretse kuba yasiganuzwa bamupererezaho ;

3) ukubuzwa uburenganzira bwo gutwara intwaro, kuba umusirikali, umupolisi, kuyobora ishuli, kwigisha, kuba Porofeseri, umwigisha, umwalimu cyangwa kugenzura abanyeshuli ;

RUTEGETSE ko MBONYINSHUTI Marc na GATERA Michel bafatanya gutanga amagarama y'uru rubanza ahwanye n'ibihumbi cumi na bitandatu na magana tanu (16.500 FRW) mu gihe gitegetswe, batayatanga akavanwa mu byabo ku ngufu za Leta ;

RUTEGETSE MBONYINSHUTI Marc na GATERA Michel gufatanya gutanga miliyoni eshatu (5.000.000 FRW) z'indishyi z'akababaro, bakayatanga bayaha NYIRABAGWIZA Immaculée, batayatanga mu gihe gitegetswe, akavanwa mu byabo ku ngufu za Leta ;

RUBATEGETSE gutanga ibihumbi magana abiri (200.000 FRW) y'ane ku ijana (4%) y'umusogongero wa Leta, batayatanga mu gihe gitegetswe akavanwa mu byabo ku ngufu za Leta ;

RUVUZE ko igihe cyo kujurira ari iminsi cumi n'itanu kandi bigakorwa mu nyandiko ;

RUSOMWE rutinze kubera uburwayi bw'umwe, mu bacamanza ;

RUMAZE kubona ko GATERA Michel umwe mu batsinzwe, atishimiye imicire y'urwo rubanza akarujurira kuwa 13/01/1998 n'uko ubujurire bwe bwanditswe kuri nomero R.P.A.51/RI/GC/RUH mu gitabo cy'ibirego cyabishyiriweho ;

RUMAZE kubona dosiye yuzuye yashyikirijwe ubwanditsi bw'uru Rukiko rw'Ubujurire ;

RUMAZE kubona itegeko rya Perezida w'uru Rukiko rw'Ubujurire rishyira iburanisha ry'uru rubanza kuwa 20/01/1999 ku isaha ya 2 mu gitondo ;

RUMAZE kubona ko dosiye yahawe Umujyanama wo kuyitegurira iburanisha ;

RUMAZE kubona ko iyo dosiye yashyikirijwe Umushinjacyaha Mukuru wihariye kugira ngo ayige abone icyo kuzayivugaho mu iburanisha ;

RUMAZE kubona ko kuri uriya munsi wagenwe no ku yindi minsi yakurikiyeho iburanisha ryagiye ryimurirwaho nta cyakozwe kubera impamvu zinyuranye harimo iy'uko dosiye yari icyigwa n'Umujyanama, Umushinjacyaha Mukuru kimwe n'Avoka utagira umupaka babishyiriweho n'uko byageze aho rigashyirwa kuwa 30/06/1999 ;

RUMAZE kubona ko kuri uwo munsi urubanza rwasuzumwe mu ruhame mu nyandiko hari intumwa z'Abavoka batagira umupaka bari bifuje gukurikirana imihango y'iburanisha mu rwego rw'uko aribo bunganizi muri uru rubanza naho Ubushinjacyaha bukuru buhagarariwe na MUSUHUKE François, Subusititi wa Porokireri Mukuru muri uru rukiko bw'Ubujurire ;

RUMAZE kumva raporo y'Umujyanama wize dosiye atangarizamo imiterere y'urubanza kuva mu iterura, ingingo z'uwajuriye n'ibisobanuro byazo uko yabifashijwemo n'Avoka utagira umupaka Bello Etienne yagenewe;

RUMAZE kumva ingingo zajuriwe na GATERA Michel uko ziteye zitya ;

Nyakubahwa Perezida,

Mbandikiye mbagezaho impamvu zitumye njuririra urubanza n° RMP.51.484 S4/ GM/ KBY/ 87 rwaciwe tariki 17/12/1997 rugasomwa tariki ya 30/12/1997 kugeza ubu nkaba ntarabona kopi y'urubanza :

1° kuba barirengagije iperereza ryakozwe na Parike, bakirengagiza imvugo z'abagabo babajijwe mu Rukiko, bose bahamya ko nta ruhare nagize mu iyicwa rya bariya bana.

2° kuba uwakoze icyo cyaha ariwe MBONYINSHUTI Marc yeracyiyemereye agahakana ko aho hantu ntari mpari agahuza n'abagabo babajijwe.

3°.kuba Urukiko rwaraciye urubanza rushingiye kuri NZABANDORA rwirengagije ibisobanuro natanze ko twaburanye amafaranga muri Cellule kandi n'abagabo ubwe yatanze babibonye barahakanye ko batambonye aho hantu, ndetse akaba ari na muramu wa NYIRABAGWIZA na MUNYABARAME musaza wa NYIRABAGWIZA bombi bakaba bafatanya kundega.

4°.byongeye kandi kuba NYIRABAGWIZA yarageze mu rukiko agahindura ikirego, kubera ko uwitwa HABIMAMA banyuzeho bava aho bari bihishe, yemeza ko bamunyuzeho ari bonyine, nta muntu ubashoreye bigaragaza ko ntawabavumbuye, ahubwo ko aribo ubwabo bivanye mu bwihisho bashaka kujya kwa mukuru wabo, bakicwa batari bahagera bahuye n'igitero ;

5° biragaragara ka uriya NYIRABAGWIZA ambeshyera, ahubwo yohejwe n'uwitwa MUGEMANGANGO ushaka gukingira ikibaba umuhungu we wafatanyije na barumuna banjye kwica umwana w'umukobwa babishinjwa n'ababyeyi banjye, ikindi kandi NYIRABAGWIZA ntiyandeze ubwo yaregaga MBONYINSHUTI kandi asanzwe anzi neza. Nyakubahwa Perezida, maze kubona izo mpamvu zose nsanze ari ngombwa kujurira uru rubanza, nahawemo igifungo cy'imyaka 15 (cumi n'itanu), nkagerekwaho n'amagarama n'indishyi ndetse na 4% akomoka ku ndishyi ahwanye na 5.216.500FRW kandi bakanyumvisha ko nagabanyirijwe ibihano kubera ko nta bantu nishe, ngo ahubwo nakoze ubwinjira-cyaha kandi ngo nkabwira UWABAKURIKIZA Alphonse ngo aticwa wari hafi aho, nta n'undi bugizi bwa nabi nakoze.

Nyakubahwa Perezida, mbaye mbashimiye icyemezo muzafata, kandi nizeye ko kizandenganura.

GATERA Michel.
Sé/

RUMAZE kumva ingingo Avoka utagira umupaka Balla Etienne yunganije uwajuriye uko ziteye zitya mu gifaransa :

" Attendu que suivant jugement rendu le 30 Décembre 1997, la Chambre Spécialisée du Tribunal de Première Instance de KIBUYE a condamné le prévenu GATERA Michel à la peine de quinze (15) ans d'**emprisonnement** pour trois infractions constitutives du crime de génocide qu'il aurait commises en concours idéal ; à savoir :
complicité dans l'assassinat, complicité dans la tentative d'assassinat et la participation à une association de malfaiteurs.

ATTENDU que par requête écrite en date du 09 Janvier 1998, le prévenu a déclaré interjeter appel contre le jugement sus énoncé. En appui et complément à cette requête, le prévenu se prévaut des conclusions ci□après:

Les faits:

ATTENDU qu'en Avril 1994, lors des événements du génocide, les nommées MUKESHIMANA et MUKAKARERA, filles de NZAJYIBWAMI, ont été surprises et tuées par une bande de tueurs. Leur sœur NYIRABAGWIZA qui était également avec elles, grièvement blessée par les malfaiteurs n'a eu la vie sauve que grâce à un concours de circonstances indépendant de la volonté des tueurs.

QUE c'est sur dénonciation de cette dernière, qui a soutenu que celui-ci était dans la bande, que des poursuites ont été engagées contre GATERA Michel ensemble avec le nommé MBONYINSHUTI Marc.

Saisi du dossier au terme de l'instruction au parquet, le tribunal a rendu le jugement sus énoncé contre le concluant, au motif que les témoignages ont établi sa complicité dans l'assassinat et la tentative d'assassinat pour avoir conduit les victimes au lieu de l'exécution d'une part, ainsi que sa participation à l'association de malfaiteurs d'autre part.
GATERA Michel qui a toujours plaidé non coupable a interjeté appel contre le jugement et, à l'appui, il invoque les moyens suivants :

PREMIER MOYEN TIRE DU DEFAUT DE MOTIFS

ATTENDU que pour conclure à la culpabilité du prévenu, le tribunal retient d'une part que celui-ci est chargé par des témoins d'avoir conduit les victimes sur le lieu de l'exécution et qu'il avait conscience qu'elles étaient recherchées pour être tuées. D'autre part, le tribunal dit constater que le prévenu aurait dit des mensonges sur un certain nombre de points.

ATTENDU qu'à la lecture de ces motivations du jugement allant du neuvième du "RUSANZE" de la page

8, l'on note aisément que le tribunal n'a donné aucune indication sur les témoins qui ont chargé GATERA Michel d'avoir conduit les victimes sur le lieu de l'exécution; tout comme il n'indique pas les procès-verbaux d'audition de témoins contenant l'implication du prévenu parmi les membres de l'association de malfaiteurs.

Qu'il est évident qu'une telle argumentation ne vaut valablement motivation d'un jugement étant entendu que de simples déclarations laconiques telles que : "Il ressort des débats que", "comme prouvé par les PV d'audition des témoins", "comme le précisent des témoins qui l'en chargent " ne sont pas la démonstration juridique des éléments de faits et de droit indispensables à la formation de la motivation d'un jugement.

Qu'en l'espèce la chambre spécialisée du Tribunal de Première Instance de KIBUYE était tenue d'identifier les témoins et les PV d'audition qui permettent de dire et en quoi ils le permettent, que GATERA Michel a conduit les victimes au lieu de leur exécution et qu'il a fait partie d'une association de malfaiteurs.

Qu'en effet, pendant toute la procédure, seules trois personnes font des déclarations impliquant le prévenu dans les faits de la cause: 1. NYIRABAGWIZA Immaculée; Elle est la seule avec le nommé MUNYABARAME Jérôme à affirmer que GATERA Michel les a conduites, elle et ses deux sœurs. Cependant sa version des faits a tellement varié entre deux auditions (celle du mois de juin 1996 à la côte 9 et celle du 24 Juin 1997 à la côte 22), qu'il convient de prendre avec le maximum de réserves ses déclarations ;

En effet, non seulement elle n'a pas mis en cause au départ GATERA MICHEL, mais également, il ressort de sa déposition que les faits ont incontestablement été pour elle une dure épreuve physique et psychologique susceptible d'entamer sa faculté de reconstitution exacte des faits. Il apparaît du reste que la thèse de la remise d'une certaine somme d'argent à elle par le prévenu dans le but d'une réconciliation, avancée par la suite par NYIRABAGWIZA Immaculée et son cousin MUNYABARAME Jérôme, a pour but de crédibiliser ses déclarations car cette déclaration n'a été confirmée par aucune autre personne, mais plutôt le responsable NDEMARUGAMBA entendu à l'audience du 17 Décembre 1997, a précisé n'avoir jamais entendu parler de cette remise de somme d'argent contrairement à ce qu'avait déclaré NYIRABAGWIZA.

2. MUNYABARAME Jérôme : Celui-ci affirme avoir vu GATERA Michel conduire les victimes sur les lieux de leur exécution, or, il apparaît clairement de la version des faits de NYIRABAGWIZA, notamment à la côte 22 que MUNYABARAME n'est arrivé sur les lieux que longtemps après la consommation des faits. En effet, elle précise que c'est lorsqu'elle est retournée le lendemain au même trou pour se cacher qu'elle a rencontré son cousin. Il est donc permis de croire que MUNYABARAME n'était pas sur les lieux des faits au moment de leur perpétration (s'il y était, il aurait rencontré en ce moment ou à tout le moins il aurait cherché à rencontrer sa cousine rescapée) et puisqu'il n'y était pas, il n'a pas pu voir GATERA Michel conduire les victimes comme il tente de le faire croire.

3. NZARANDORA Emmanuel : Les déclarations de ce témoin à l'audience du 17 décembre 1997 sont d'une incohérence telle qu'elles sont nécessairement sujettes à caution. En effet, après avoir affirmé qu'il n'a été appelé qu'après l'exécution des victimes (autrement qu'il n'a eu connaissance de la situation qu'à partir de cet instant), il affirme plus loin et de façon péremptoire, que GATERA est de ceux qui ont conduit les victimes. Du reste plus loin, il dit tout simplement qu'ils étaient présents sur les lieux, parlant de GATERA et des autres. Il est évident que le simple fait d'avoir été sur les lieux, ne peut signifier que GATERA y a conduit les victimes. D'ailleurs, le nommé GATABAZI Paul qui a aidé NZABANDORA dans l'enterrement des victimes a expressément déclaré de la même audience qu'il n'y a pas vu GATERA.

ATTENDU qu'il n'apparaît pas objectivement que GATERA ait conduit les victimes, surtout lorsque l'on prend en compte les nombreux autres témoignages qui tous mettent ce prévenu hors de cause. Notamment celui de HABIMANA Fidèle, MBARUBUKEYE Jonas, NDEMARUGAMBA entendus à titre de témoins à l'audience du 17 décembre 1997. De même les dépositions de MBARERENTE Tamari(côte 16 ), SHIRIGAME Rodomoro (côtes l9 et 39), NDATIMAMA Eliel (côte 20), MUJAWAYEZU Alvera (côte 21).

S'agissant du motif tiré de prétendues déclarations mensongères de GATERA, à supposer qu'il en soit ainsi, ceci ne saurait être juridiquement une preuve de sa culpabilité.

Le tribunal n'est pas admis à en faire une base de motivation de sa décision retenant la culpabilité du prévenu. Ne dit-on pas que l'accusé a le droit d'user de tout moyen susceptible d'établir son innocence s'il ne reconnaît pas les faits. L'accusé n'est pas un témoin.

D'ailleurs ses propos sont confirmés par les témoignages dont le tribunal n'a pas voulu tenir compte mais sans en fournir la raison. Par exemple lorsque GATABAZI Paul a déclaré à l'audience du 17 décembre 1997 ne pas avoir vu GATERA sur les lieux de l'infraction ceci confirme sa thèse selon laquelle il n'y est pas arrivé.

ATTENDU qu'il est donc constant que non seulement le tribunal n'a pas motivé le jugement dont est appel, mais également, contrairement à ce qu'il a soutenu dans ledit jugement, il n'existe, dans cette affaire, aucun témoignage ou tout autre élément de preuve permettant d'affirmer objectivement que c'est GATERA Michel qui a conduit sur le lieu d'exécution du crime NYIRABAGWIZA Immaculée et ses sœurs.

QUE sur base de ce premier moyen qui est donc fondé, il convient de faire droit à l'appel interjeté par le prévenu. Statuant à nouveau l'acquitter purement et simplement des fins de la poursuite, ne serait-ce qu'au bénéfice du doute par application de l'article 20 du code de Procédure Pénale, dont la chambre spécialisée du Tribunal de 1ère Instance de KIBUYE n'a pas voulu faire application.

DEUXIEME MOYEN PRIS DE LA VIOLATION DE LA LOI

ATTENDU que dans le dispositif du jugement le tribunal a visé l'article 168 du code pénal qui prévoit la répression de l'infraction du complot portant dévastation du pays par massacres et actes de pillage.!

Non seulement cette infraction n'a jamais fait partie des poursuites, mais également le prévenu n'a jamais été interpellé à ce sujet à quelque niveau que ce soit de la procédure.

Aux termes des articles 58.5,9 et 60 du code de procédure pénale, le tribunal est saisi par la citation servie aux parties au procès ou par la comparution volontaire. Une infraction qui n'est pas mentionnée dans la citation servie au prévenu ne peut être connue par le tribunal et encore moins donner lieu à une condamnation si interpellé pendant l'audience, celui-ci n'a pas accepté de comparaître volontairement.

ATTENDU qu'en visant dans le dispositif du jugement l'article 168 du code pénal comme infraction retenue à la charge du prévenu, le tribunal viole les dispositions du code de procédure pénale ci-dessus visées. Par conséquent il convient de faire droit à ce second moyen, annuler le jugement entrepris et statuant à nouveau déclarer nulle la décision de condamnation du tribunal relative à cette infraction d'attentat dans le but de dévastation du pays par massacres et actes de pillage.

PAR CES MOTIFS:

Et tous ceux à déduire ou à suppléer même d'office, adjuger à GATERA Michel l'entier bénéfice des présentes conclusions.

En conséquence,

1. Déclarer bien fondés ses moyens d'appel et annuler le jugement rendu le 30 décembre 1997 par la chambre spécialisée du Tribunal de Première Instance de KIBUYE.

2. Statuant de nouveau, déclarer non établis les faits mis à la charge de GATERA Michel et l'en acquitter purement et simplement.

Et ce sera justice.

Sous toutes réserves."

RUMAZE kumva Umujyanama wateguye urubanza abazwa ukuntu GATERA Michel yarwanye kuri UWABAKURIKIZA Alphonsine bakunda kwita Mataroshi, aho baribari, ukuntu NYIRABAGWIZA Immaculée agenda yivuguruza n'iby'ingingo ya 168 y'Igitabo cy'amategeko ahana ivuga ibyo kuyogoza igihugu yarengerewe mu ica ry'urubanza agasubiza ko abana barimo uriya yaburiye basanze asoroma ikawa ku nzira akamugira inama yo kujya kwihisha kure, ko muri dosiye ku mpapuro za 9 na 22 biboneka ka NYIRABAGWIZA Immaculée atareze GATERA Michel mu mizo ya mbere yari azi kuva kera na kare n'uko iriya ngingo ya 168 itungwa agatoki n'Avoka utagire umupaka nta mwanya igomba kugira muri uru rubanza kuko yanyerejwe ikarugwamo gusagusa ;

RUMAZE kumva Umushinja-cyaha Mukuru mu mwanzuro yakoreye uru rubanza yasoje avuga ko uru Rukiko rw'Ubujurire rwakwakira rugasuzuma ubujurire bwa GATERA Michel kuko bwubahirije imihango yagenwe, rwakwemeza ko ubwo bujurire nta reme bugira kuko ingingo ajuririsha zitagaragaza ko hari amategeko yaciweho cyangwa amakosa akabije yakozwe mu ica ry'urubanza bigakubitiraho ko hari na henshi yirengangiza nk'aho avuga ko nta ruhare yagize mu guhohotera bene NZAJYIBWAMI nyamara abagabo bemeza ko yabagemuriye abishi yari azi, rwagumishaho imikirize y'urubanza yo kuwa 30/12/1997 n'uko rwamuherezaho amagarama y'uru rubanza ;

RUMAZE kumva Avoka utagira umupaka KABAYABAYA Avite, uvugira abaregera indishyi, asaba ijambo akarihabwa agasaba ko imikirize ibanza itahindurwa n'uko abatakaza urubanza bahatirwa kwishyura ziriya ndishyi zagenwe zigera kuri 5.000.000.FRW ;

RUMAZE kubona ko nta ngingo yagira akamaro mu ikemura ry'uru rubanza isigaye inyuma rugapfundikira iburanisha rutangaza ko urubanza ruzasomwa kuwa 04/08/1999 bitinze kubera ikiruhuko cy'abanyarukiko kizamara uku kwezi kwa 7 kose ko muwa 1999 ;

RUMAZE kubona ko nyumaze y'ibyo rwiherereye ruca urubanza rwaje gusomera mu ruhame mu magambo akurikira :

RUSANZE ubujurire bwa GATERA Michel bukwiye kwakirwa bugasuzumwa kuko bwaje mu buryo buhuje n'amategeko imihango yose y'ijurira yarakurikijwe harimo ko ubujurire bwakozwe mu minsi 14 kuri 15 itegetswe n'uko isuzuma mu buryo bugufi ry'ingingo zajurijwe ryerekana amategeko yarengerewe nk'atenganya ikimenyetso cy'intanga-mugabo n'icyaha kigamije kuyogoza igihugu nk'uko giteganwa n'ingingo ya 168 y'igitabo cy'amategeko ahana ;

RUSANZE abagabo urugereko rwagendeyeho mu gukata urubanza, aribo NYIRABAGWIZA Immaculée, MUNYABARAME Jérôme na NZABANDORA Emmanuel, ari ababuranyi nk'uko bishyigikirwa na NYIRABAGWIZA Immaculée, warusimbutse, uhereye ko adahakana amasano yabo y'ububyara n'uburamu ;

RUSANZE NYIRABAGWIZA Immaculée mu irega yarivuguruje kuko rugikubita atavuze GATERA Michel mu bakoze ibara kandi yaratuwe amuzi ku buryo butaziguye nk'uko bigaragara mu nyandiko-mvugo z'iperereza ku mpapuro za 9 na 22 ;

RUSANZE hari abagabo benshi batagira amakemwa, nka GATABAZI Paul, HABIMANA Fidèle, MBARUBUKEYE Jonas, MBARERENTE Tamari, NDATIMANA Eliel, MUJAWAYEZU Alvère na SHIRIGAME Rudomoro, bahakanira GATERA Michel bemeza ko arengana nk'uko dosiye ibyerekana mu nyandiko-mwugo ziboneka ku mpapuro za 12, 13, 16, 19, 20, 21, 25 na 31;

RUSANZE MBONYINSHUTI Marc, ingirwanshuti ya GATERA Michel, wiyemereye bugicya amahano yikoreye, wayahaniwe ntajurire, nta jambo ribi yigeze avuga kuri GATERA Michel haba mu iperereza haba no mu iburanisha ;

RUSANZE ingingo ya 168 y'Igitabo cy'amategeko ahana, ivuga ibyo kuyogoza igihugu, yarakoreshejwe mu buryo butaribwo kuko ntaho bigaragara muri dosiye na hamwe ko ubushinja-cyaha cyangwa urugereko byaba byarigeze kuyitsa mu birego ngo bibe byagira inzira ;

RUSANZE ntacyo indishyi zavugwaho kuko nta wigeze kuzijurira haba ku ruhande rw'abarega cyangwa ku rw'abaregwa ;

KUBERA izo mpamvu zose rubonye ;

RUSHINGIYE ku Itegeko-Nshingiro, cyane cyane Itegeko-Nshinga ryo kuwa 10/06/1991 nk'uko ryahinduwe kandi rikuzuzwa kugeza ubu, mu ngingo zaryo za 12, 14, 88, 92, 93 na 94 n'Amasezerano y'amahoro y'Arusha mu gice cyayo cyo kuwa 30/10/1992 cyerekeranye n'igabana ry'ubutegetsi mu ngingo zacyo za 25 na 26 ;

RUSHINGIYE ku Itegeko-teka ryo kuwa 07/07/1980 rigena imitunganyirize n'ububasha by'inkiko cyane cyane mu ngingo zaryo za 13, 18, 76, 109, 199 na 200, rwemejwe n'Itegeko ryo kuwa 26/01/1982, uko ryahinduwe kugeza magingo aya;

RUSHINGIYE ku Itegeko ryo kuwa 23/02/1963 ryerekeye imiburanishirize y'imanza zishinja ibyaha, cyane cyane mu ngingo zaryo za 16, 18, 20, 76, 80, 83, 85, 90, 99, 100, 103, 104, 107 na 110, uko ryahinduwe kugeze ubu ;

RUSHINGIYE ku Itegeko-Ngenga ryo kuwa 30/08/1996 rigena imitunganyirize y'ikurikirana ry'ibyaha bigize icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba cyangwa ibyaha byibasiye inyoko□muntu guhera kuwa 01/10/1990 kugeza kuwa 31/12/1994, cyane cyane mu ngingo zaryo za 24 na 39 ;

RUSHINGIYE ku bimenyetso byanditse ;

RWEMEJE kwakira no gusuzuma ubujurire bwa GATERA Michel kuko bwubahirije imihango yose yategetswe ;

RWEMEJE ko ubwo bujurire bufite ishingiro ;

RWWEMEJE ko nta cyavugwa ku ndishyi kuko zitigeze zijuririrwa ;

RWEMEJE ko nta kiranga nyakuri uruhare GATERA Michel yaba yaragize mu marorerwe yagiriwe bene NZAJYIBWAMI bishyigikirwa n'uko ahakanirwa n'abagabo benshi batagira amakemwa nka GATABAZI Paul na SHIRIGAME Rudomoro ;

RUMUHANAGUYEHO ibyaha byose yakekwagaho ;

RUTEGETSE ko amagarama y'urubanza yose agamba guherera ku isanduku ya Leta kubera ko GATERA Michel wajuriye, agizwe umwera ;

URUBANZA R.P.CH.SP.013/01/97 rwajuririwe na GATERA Michel wenyine ruhindutse ku bimureba byose ;

URU rubanza rusomwe rutinze kubera amahugurwa y'abacamanza yatumye bataboneka ;

RUKIJIJWE rutyo kandi rusomwe nu ruhame kuwa 25/08/1999 mu Rukiko rw'Ubujurire rwa RUHENGERI, ruri mu RUHENGERI, rugizwe na Perezida BAZIHANA Fidèle, Abajyanama MUKURA Léonidas, wize dosiye, na SEMUSHUMBA Hyacinthe, Umushinja-cyaha mukuru MUSUHUKE François n'Umwanditsi RUCYAHANIRA Manassé.

PEREZIDA : UMUJYANAMA : UMUJYANAMA.

Bazihana Fidèle Semushumba Hyacinthe Mukura Léonidas.
/Sé/ /Sé/ /Sé/

UMWANDITSI:

RUCYAHANIRA Manassé.
/Sé/